REPUBULIKA Y' U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Dr. Edouard Ngirente

Ku munsi w'Umuganda Rusange usoza Ukwezi k'Ukwakira 2017

ukaba n'umunsi wo kwizihiza isabukuru ya 42 yo gutera amashyamba no gutangiza Igihembwe cy'Amashyamba mu mwaka wa 2017/2018

Nyagatare, ku wa 28 Ukwakira, 2017

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba,**
- **Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko,**
- **Ba Nyakubahwa b'Ambasaderi w'Ububiligi n'Ubuholandi mu Rwanda,**
- **Bayobozi b'Inzego zitandukanye muri hano,**
- **Muyobozi w'Akarere ka Nyagatare, Abagize Inama Njyanama na Nyobozi y'aka Karere,**
- **Mparirwakurusha z'Akarere ka Nyagatare,**

1. Muraho neza?

2. Ndagira ngo ntangire iri jambo mbagezaho indamukanyo n'ubutumwa bwa Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Arabashimira uruhare rwanyu mu kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu cyacu. Arabizeza ko atazabatererana muri uru rugamba rwo kwigira no kwiha agaciro. Muzi kandi ko imvugo ye ariyo ngiro.

3. Nashimishijwe ko no kwifatanya namwe kuri uyu munsi w'Umuganda Rusange usoza Ukwezi k'Ukwakira 2017, wahuriranye n'umunsi wo kwizihiza isabukuru ya 42 yo gutera amashyamba no gutangiza Igihembwe cy'Amashyamba mu mwaka wa 2017/2018. Ubwitabire bwanyu n'umurava mwakoranye, mukaba mwihanganiye n'iyi mvura yaguye ari nyinshi ariko kandi twari dukeneye twese,birashimishije. Ndabasaba kubikomeza no kurushaho.

4. Twizihiza uyu munsi kugira ngo turusheho gushimangira agaciro amashyamba afite mu buzima bwacu bwa buri munsi, n'uruhare rwayo mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima. Ibiti birengera ibidukikije; biduha imvura kandi bigakumira ibiza birimo inkangu n'imyuzure; byera imbuto zidufasha guhangana n'ikibazo cy'indyo ituzuye; bimwe muri byo bikorwamo imiti; ibindi bivamo ibicanwa cyangwa bigakorwamo ibikoresho bitandukanye dukenera mu buzima bwacu bwa buri munsi. Aka kamaro k'ibiti gashimangirwa n'insanganyamatsiko yahariwe ibikorwa by'iki Gihembwe cy'Amashyamba igira iti: **"Amashyamba, inkingi y'iterambere rirambye".**

5. Umunsi nk'uyu kandi ni n'umwanya mwiza wo kwibukiranya ingamba Igihugu cyafashe mu rwego rwo guhangana n'iyangirika rikabije ry'amashyamba dufite. Inyigo ku ibarura ry'amashyamba Guverinoma yakoze muri 2015, yagaragaje ko mu Rwanda dufite amashyamba angana na hegitari **704.997** zihwanye na **29.6%** ku muhigo wa **30%** w'ubuso bw'Igihugu, hatabariwemo ubuso bw'ibiyaga n'imigezi tugomba kuba twagezeho mu 2020. Iyi nyigo yanagaragaje ko muri rusange amashyamba, cyane cyane aya Leta yangiritse bikabije ndetse n'aho ari ugasanga atagitanga umusaruro uhagije.

6. Imwe mu mpamvu ikomeye ituma amashyamba yangirika, ni umubare w'abaturage bakoresha ibicanwa bikomoka ku biti ukiri hejuru. Ubu bangana na **83,3%.** Biteganyijwe ko mu 2024 bazaba ari **42%.** Ibi bizaterwa n'uko ikoreshwa rya gazi cyane mu migi, biyogazi ndetse n'amashyiga arondereza ibicanwa bizarushaho gushyirwamo imbaraga.

7. Ngarutse kuri iki Gihembwe cy'Amashyamba cya 2017/2018, mu Gihugu hose hazaterwa ibiti bivangwa n'imyaka kuri hegitari **45.729** bizaza bisanga ibindi byari biteye kuri hegitari **172.000**. Hazanaterwa hegitari **3,253** z'amashyamba. By'umwihariko, muri iyi Ntara y'Iburasirazuba aho byagaragaye ko ariyo ifite amashyamba make, dore ko ifite gusa **5%** kandi ariyo nini ugereranije n'izindi Ntara, hazaterwa ibiti bivangwa n'imyaka ku buso bungana na hegitari **8,747** ndetse haterwe n'ishyamba ku buso bwa hegitari **1,773.**

8. Kugira ngo ibikorwa byose byateguwe bizagerweho, ndasaba birasaba Inzego zose bireba ari iza Leta n'Abafatanyabikorwa batandukanye n'Abaturage muri rusange, kurushaho gusenyera umugozi umwe no kumva ko iyo amashyamba afashwe neza twese tubyungukiramo.

- **Bayobozi batandukanye muri hano,**
- **Mparirwakurusha z'Akarere ka Nyagatare,**

9. Indi ngingo nifuza ko tuganiraho uyu munsi ijyanye n'isuku, ariko cyane cyane ku bana bato. Twese tuzi ko isuku ari isoko y'ubuzima. Isuku iturinda indwara izigera kuri 80% ziterwa n'umwanda. Abanyarwanda twese turasabwa kugira isuku aho dutuye, aho tugenda, aho dukorera, mu mashuri, kwa muganga, mu masoko n'aho dusengera. Tugire isuku ku mubiri no ku biribwa bidutunga. Abana bakiri bato tubagirire isuku kandi tubatoze kuyigira umuco mu buzima bwabo.

10. Ingingo ya nyuma irarebana n'umunsi mpuzamahanga wo kwizigamira wizihizwa ku Isi yose buri mwaka ku itariki ya 31.10. Kwizigamira nibyo byonyine bituma abantu n'Ibihugu bagera ku iterambere rirambye.

11. Kwizigamira neza nibyo bizatuma Igihugu cyacu cyongera ishoramari ku kigero cya 30% mu mwaka wa 2018/2019. Bizatuma kandi tugera ku ntego twihaye y'uko mu 2020 kwizigamira bizaba bigeze ku gipimo cya 20% by'umusaruro wose w'Igihugu, bivuye kuri 15% tugezeho.

12. Ndashishikariza rero Abanyarwanda batari bitabira kwizigamira kubikora vuba. Twibuke twese ko kuzigama bidasaba guhera kuri byinshi. Uhera kuri bike ukagenda ubyongera. Twese tugire umuco kuzigamira izabukuru, amashuri y'abana bacu no kuzigamira ishoramari. Ibigo by'Imari n'Amabanki nabyo birasabwa kurushaho kwegereza serivisi zabyo no kubaha serivisi zinoze.

13. Ndagira ngo ijambo ryanjye ndisoreze hano. Nongeye gushimira Imparirwakurusha z'Akarere ka Nyagatare twafatanyije Umuganda w'uyu munsi. Nshimiye n'Abanyarwanda bose bitabiriye umuganda hirya no hino mu Midugudu yabo. Nshimiye by'umwihariko Minisiteri y'Ubutaka n'Amashyamba, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amazi n'Amashyamba ndetse n'Abafatanyabikorwa babo bose bagize uruhare rukomeye mu gutegura umuganda rusange w'uyu munsi.

Murakoze, murakarama.